***IMYANZURO Y'INAMA YA 11 Y'INTEKO RUSANGE Y'ISHYIRAHAMWE RY'UTURERE N'UMUJYI WA KIGALI MU RWANDA YABAYE KUWA 06/12/2008***

Inama y' Inteko Rusange ya 11 y'Ishyirahamwe ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali mu Rwanda (RALGA) yateranye kuwa 06 Ukuboza 2008, mu cyumba cy'inama cya la Palisse Club i Nyandungu, mu Karere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali.

Iyo nama yitabiriwe n'aba bakurikira :

- Abagize Komite Nyobozi na Komite Ngenzuzi za RALGA ;
- Abanyamuryango ba RALGA ;
- Abafatanyabikorwa:
- Intrahealth TWUBAKANE ihagarariwe na Dean SWERDLIN;
- CIDA ihagarariwe na Alex CARRASCO na Alexis AFRIKA
- DED ihagarariwe na Annika SEILER na GTZ ihagarariwe na Elena ZANARDI

**Ijambo ry'ikaze :**

Ijambo ry'ikaze ryavuzwe na Dr Aisa KIRABO KACYIRA, Perezida wa RALGA, watangiye ashimira kandi aha ikaze abitabiriye inama bose.

RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA) B.P. 7249 KIGALI - RWANDA Tel 520782 Fax: 520783

Yamenyesheje abari mu nama ko ingingo z'ingenzi zibandwaho ari ukurebera hamwe ibyari byemejwe mu ntangiriro y'umwaka, ibyagezweho ndetse n'ingamba n'ibikorwa biteganijwe mu gihe kiri imbere. Yashishikarije abanyamuryango n'abafatanyabikorwa bose kuzakomeza kugira uruhare mu bikorwa by'ishyirahamwe RALGA nk'uko batahwemye kurugira.

Perezida wa RALGA yerekanye ko hari byinshi byo kwishimira, aribyo isabukuru y'imyaka itanu ya RALGA yizihijwe muri Nyakanga 2008, umubano uhamye RALGA ifitanye n'amashyirahamwe y'inzego z'ibanze mu bihugu by'Afurika y'Iburasirazuba ndetse n'intambwe igaragaraga RALGA imaze gutera ishingiye ku nshingano zayo ari zo guhagararira, kuvugira no kongera ubushobozi bw'abanyamuryango.

Uruhare rwa RALGA rwagaragajwe cyane n'ibihembo mu miyoborere myiza U Rwanda rwagiye rubona, ishyirahamwe ryacu ribigizemo uruhare, ndetse n'uburyo Perezida wa Repubulika n'abandi bayobozi bakuru b'igihugu badahwema kudushima no kudushyigikira.

Ashingiye ku ntambwe igaragara RALGA imaze gutera n'uruhare rwayo rutagishidikanywaho mu guteza imbere imiyoborere myiza n'iterambere ry'igihugu cyacu, Perezida wa RALGA yasabye abanyamuryango :

RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA) B.P. 7249 KIGALI - RWANDA Tel 520782 Fax: 520783

- kudatezuka byatuma ishyirahamwe risubira inyuma bityo akaba asanga ari ngombwa kumenyana no guhana amakuru kurushaho mu bikorwa by'abanyamuryango,
- kugira uruhare rufatika mu bikorwa bya East African Community,
- guha umwanya uhagije ibikorwa bifasha kugera ku ntego z'ikinyagihumbi (MDGs) kandi hagaterwa intambwe harebwa n'ibikorwa byo ku rwego rw'umudugudu.

Uburambe RALGA ifite mu kazi buratanga icyizere ko izakomeza kujya mbere, Perezida wa RALGA akaba yishimiye ko irushanwa ku « dushya » mu nzego z'ibanze muri uyu mwaka ryahaye agaciro urwego rw'Akagari.

Kubera ko RALGA ibereyeho mbere na mbere abanyamuryango bayo, Perezida wayo yerekanye ko Inteko ikwiye kuvuguta umuti wahabwa abanyamuryango basitara cyangwa baseta ibirenge, kugirango icyo batezweho kizagerweho. Ikindi gikomeye kikaba uruhare rukiri ruto rw'abanyamuryango mu ngengo y'imari rugeze kuri 5% gusa, Inteko rusange ikaba isabwa kubifataho umwanzuro.

Perezida wa RALGA yashoje yongera gushimira abanyamuryango, abagize Komite Nyobozi na Ngenzuzi, abafatanyabikorwa n'abandi bitabiriye inama. Yifuje ko imyanzuro y'Inteko Rusange iba imyanzuro ishyirahamwe rizashingiraho rikomeza kwiyubaka.

RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA) B.P. 7249 KIGALI - RWANDA Tel 520782 Fax: 520783

**1. Ingingo zasuzumwe ni izi zikurikira :**

***Ingingo ya 1 :*** Gusuzuma no kwemeza inyandiko zikurikira :

- ❖ Inyandikomvugo y'inama yo ku wa 20 Nyakanga 2008
- ❖ Raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'amafaranga muri 2008
- ❖ Raporo ya Komite Ngenzuzi

***Ingingo ya 2:*** Kwemeza gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari y'umwaka wa 2009

***Ingingo ya 3:*** Financial sustainability ya RALGA

***Ingingo ya 4:*** Ibindi:

- ❖ Kwamagana agasuzuguro k'Abadage n'abafaransa ku bijyanye n'ifatwa rya Madmu Rose KABUYE
- ❖ Ikiganiro ku ishoramari mu guhinga imigano

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ingingo ku yindi, Inteko Rusange ya RALGA yafashe imyanzuro ikurikira :

1. Inteko Rusange ya RALGA yemeje imyanzuro y'inama y'Inteko Rusange ya RALGA yateranye ku wa 20 Nyakanga 2008 muri La Palisse Club i Nyandungu imaze kuyikorera ubugororangingo.
2. Inteko Rusange yasabye ko imyanzuro y'inama yakwandikwa mu buryo bugaragaza uzakora igikorwa ndetse n'igihe ibisabwa bigomba kuba byashyizwe mu bikorwa.
3. Inteko Rusange ya RALGA yemeje raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'amafaranga mu mwaka wa 2008 imaze kuyikorera ubugororangingo.

4. Inama y'Inteko Rusange yemeje gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari bya RALGA mu cy'iciro cya kabiri cy'umwaka wa 2008 bimaze gukorerwa ubugororangingo.
5. Inteko Rusange yemeje ko ibirarane by'imisanzu bya mbere ya 2008 bigomba kuba byishyuwe bitarenze itaki ya 30 Mata 2009, umunyamuryango utabikoze akazahabwa ibihano biteganywa n'amategeko birimo no gukurwaho ububasha bwo kuba umunyamuryango. Umusanzu wa 2008 wo ugomba kuba wamaze gutangwa bitarenze italiki ya 31 Ukuboza 2008. Ubunyamabanga Bukuru bwa RALGA bukaba busabwa kwandikira buri munyamuryango amenyeshwa ibyo agomba ishyirahamwe muri iki gihe bityo abanyamuryango bagasubira iwabo bazitwaye;
6. Imaze kubikorera ubugororangingo, Inama y'Inteko Rusange yemeje gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari y'umwaka wa 2009 kandi ishyigikira uburyo bushya bw'imikoranire hagati y'Ubunyamabanga Bukuru bwa RALGA na za Komisiyo zagaragaje ubushake bwo gukurikirana kurushaho ibikorwa bya buri munsi by'ishyirahamwe;
7. Inama y'Inteko Rusange yemeje ko umusanzu abanyamuryango batanga buri mwaka uva ku mafaranga ibihumbi magana atandatu (600,000 Frw) ukagera kuri miliyoni ebyiri (2,000,000 Frw) buri mwaka kugirango RALGA itangire kugira ubushobozi bwayo bwite aho gukomeza gushingira byose ku baterankunga (*financial sustainability*).

8. Inama y'Inteko Rusange yemeje ko ibikorwa bigana muri East African Community bihabwa umwanya uhagije;
9. Inama y'Inteko Rusange yemeje gufungura imenyekanisha-bikorwa rya RALGA ku bitangazamakuru bikorera mu Turere aho kwibanda kuri Radio Rwanda gusa;
10. Inama y'Inteko Rusange yasabye ko hakorwa ubuvugizi kugira ngo "assurance agricole" itangire gukoreshwa;
11. Inama y'Inteko Rusange yasabye ko mu mwaka wa 2009 ibikorwa bya "Local Economic Development " byakorerwa hose mu gihugu, hakagira Akarere nibura kamwe gakorerwamo inyigo z'iterambere ry'ubukungu muri buri Ntara.
12. Inama y'Inteko Rusange yasabye ko mu itegurwa ry'inama n'inzego zifata ibyemezo Komite Nyobozi n'Ubunyamabanga Bukuru byagena imirongo migari nk'itanu (key advocacy issues) yazaherwaho muri za *forums* zihuza RALGA na *"line Ministries"* ndetse na Komisiyo z'Inteko ishinga amategeko. Iyo mirongo ikazanazirikanwa mu gutegura *"strategic plan 2010-2014";*
13. Inama y'Inteko Rusange yasabye ko ubushakashatsi buzakorwa muri 2009 bwakorwa ku bufatanye n'izindi nzego z'Imirimo zikorera mu gihugu (Ministries, Inteko,…)
14. Inama y'Inteko Rusange yasabye ko mu nama Njyanama z'Uturere hajyamo abikorera n'abahagarariye imiryango itegamiye kuri Leta *(Civil Society)* kugira ngo hajye hitabwa ku bikenewe n'abagenerwabikorwa. Inteko Rusange yahaye Nyobozi ububasha n'inshingano zo kubinoza;

RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES
(RALGA)
B.P. 7249
KIGALI – RWANDA
Tel 520782
Fax 520783

15. Inama y'Inteko Rusange irasaba Komisiyo y'Imibereho Myiza kwiga ku ruhare RALGA yagira mu kunoza imiturire hashingiwe ku nshingano zayo;

16. Inama y'Inteko Rusange irasaba Komisiyo y'Imibereho Myiza kunoza uruhare RALGA yagira mu kwita ku kibazo cy'abana b'inzererezi hashingiwe ku nshingano zayo;

17. Inama y'Inteko Rusange irasaba Komisiyo y'Amategeko na Politiki guha umwanya ibikorwa bifite *"political aspects"* aho kwibanda ku mategeko gusa;

18. Inama y'Inteko Rusange irasaba ko Komisiyo ya *"Capacity Building"* yategura *"innovation day"* hakurikijwe inzego zikurikira: Ubukungu, Imibereho Myiza na Politiki

19. Inama y'Inteko Rusange irasaba Komisiyo ya *"Capacity Building"* gufasha abanyamuryango gushyiraho *"code of ethics"* no gufasha mu ikurikizwa ryayo;

20. Inama y'Inteko Rusange irasaba Komisiyo ya *"Capacity Building"* gutanga inama n'ibitekerezo ku buryo amashuri y'imiyoborere myiza aho bamwe bigira ku bandi yashyirwaho cyane cyane hibandwa ku rwego rw'Umudugudu;

21. Inama y'Inteko Rusange irasaba ko mu rwego rwa *"financial sustainability"*, Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu itanga icyerekezo kuri *"effective mobilisation"* y'imari ku banyamuryango ba RALGA muri rusange no kuri RALGA by'umwihariko;

22. Inama y'Inteko Rusange yahaye ubushobozi Komite Nyobozi bwo gushyiraho umusimbura wa Perezida wa Komisiyo

RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA) B.P. 7249 KIGALI - RWANDA Tel 520782 Fax: 520783

y'Amategeko na Politiki mu gihe hategerejwe kuzatora umusimbura mu Nteko Rusange itaha;

23. Inama y'Inteko Rusange yasabye buri Karere kugena Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge uzajya uhagararira abandi mu nama y'Inteko Rusange ya RALGA;

24. Inteko Rusange yishimiye ishyirwaho rya "*Forum of Mayors*" ikaba ifite ubuyobozi buteye butya:

- Perezida: KANGWAJYE Justus
- Visi Perezida: MUTAKWASUKU Yvonne
- Umunyamabanga: KAYUMBA Bernard
- Abajyanama: MURAYIRE Protais na RUTAYISIRE Origène

25. Inteko Rusange yemeje ko nyuma y'inama y'Inteko Rusange habaho igikorwa cyo gusura Imurikagurisha rya "Jua Kali" kandi abayobozi b'Uturere basabwa gushishikariza abaturage batwo kuza kurisura no kuzaryitabira kurushaho mu bihe bizaza;

**IBINDI**

Inteko Rusange ya RALGA iramagana ikomeje ifatwa ry'Umukuru wa Protocole y'U Rwanda, Madamu Rose KABUYE, bityo ikaba iboneyeho gusaba inzego z'ibanze:

- gukomeza kugira uruhare mu kwamagana agasuzuguro kagaragajwe na Leta z'Ubufaransa n'Ubudage;
- gushyigikira ubushake bwa Leta y'u Rwanda ikomeje gusaba ko Rose KABUYE arekurwa nta mananiza kuko ari umwere ;

RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA) B.P. 7249 KIGALI - RWANDA Tel 520782 Fax: 520783

- kwamagana inyandiko ya Jean Louis Bruguière kuko itesha agaciro abayobozi b'igihugu cy'u Rwanda kandi ari igihugu cyigenga kigomba kubahwa n'amahanga.

**GUSHIMIRA**

1. Inteko Rusange ya RALGA irashimira Guverinoma y'u Rwanda n'izindi nzego za Leta, abaterankunga, inshuti n'abanyamuryango ba RALGA kubera inkunga n'ubufatanye bahora bayigaragariza.
2. Inteko Rusange ya RALGA irashimira Perezida wa RALGA, abagize Komite Nyobozi na Komite Ngenzuzi, abafatanyabikorwa n'abakozi ba RALGA ku bwitange badahwema kugaragaza mu guteza imbere ishyirahamwe ryabo;
3. Inteko Rusange ya RALGA irashimira abitabiriye iyi nama y'Inteko Rusange, cyane cyane kubera ibitekerezo batanze.
4. Inteko Rusange ya RALGA irashimira « *company* » yitwa FEM yakanguriye abanyamuryango kwita ku bijyanye n'ihingwa, ituganywa n'icuruzwa ry'imigano.

**Bikorewe i Kigali, kuwa 06 Ukuboza 2008**

| | |
|---|---|
| **Umuyobozi w'Inama** | **Umwanditsi w'Inama** |
| **Dr Aisa KIRABO KACYIRA** | **Nyangezi BONANE** |

RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA) B.P. 7249 KIGALI – RWANDA Tél 520782 Fax: 520783